Kinyarwanda

Gahunda y'ishuri ry'incuke y'ibigo by'amashuri bya Leta byo mu Ntara ya Fayette

# UKO WASABA KWANDIKISHA UMWANA WAWE MU ISHURI RY'INCUKE RYA FCPS

## 1 ANDIKISHA UMWANA WIFASHISHIJE INTERINETI (OLR) NIBA YUJUJE IBISABWA MURI UYU MWAKA W'AMASHURI.

Igihe uhuye n'ibibazo bya tekinike uri kwandikisha umwana kuri interineti, ushobora guhamagara umurongo wa OLR utangirwaho ubufasha bujyanye n'ibya tekinike kuri 859-422-5555.

SABA KWANDIKISHA UMWANA WIFASHISHIJE INTERINETI

OLR

EREKEZA KAMERA YA TELEFONE YAWE KURI KODE YA QR MAZE UKANDE KU IHUZA RIHITA RIZA

www.fcps.net/register

*Hari n'urupapuro ushobora gusabiraho kwandikisha umwana mu ishuri ry'incuke niba urukeneye.

Ntuzi niba umwana wawe yaba yujuje ibisabwa? Sura urubuga rwa www.fcps.net/preschool kugira ngo urebe imyaka umwana agomba kuba afite n'ibyo agomba kuba yujuje kugira ngo yemererwe kwandikwa

## 2 OHEREZA IBYANGOMBWA BYOSE UTOHEREJE WIFASHISHIJE UBURYO BWA OLR.

Reba urutonde rw'ibyangombwa byose usabwa ruri ahakurikira. Uburyo bwo kohereza ibyangombwa bwagaragajwe inyuma kuri uru rupapuro. Abakozi bo mu ishuri ry'incuke basuzuma niba umuryango wujuje ibisabwa bashingiye ku nyandiko zoherejwe.

- Icyemezo cy'amavuko cyemewe n'amategeko, pasiporo cyangwa inyandiko zifashishwa mu kwinjira no gusohoka mu gihugu Inyandiko zitanga uburenganzira
- bwo kurera umwana (niba urera umwana kandi utari umubyeyi we nk'uko bigaragazwa ku cyemezo cye cy'amavuko) kandi umubyeyi/urera umwana agomba gutanga icyangombwa kiriho ifoto ye.
- Icyemezo cy'uko umwana yahawe inkingo zemewe muri Kentucky kandi kitararenza igihe (Ibyemezo byarengeje igihe ntibishobora kwemezwa. Ibyemezo by'inkingo zatangiwe ahandi hatari muri iyo Leta bigomba kubanza gusuzumwa.)
- Icyemezo cy'ikizamini cyo ku mubiri cyangwa icyatanzwe na muganga kigaragaza ko ubuzima bw'umwana buhagaze neza kandi kitararenza igihe ndetse cyatanzwe ku itariki y'umwaka ushize (gishobora gutangwa umwana aje gutangira ishuri)
- Icyemezo cy'ikizamini cy'amaso kitararenza igihe (kigomba kurangiza igihe mu mpera z'Ukuboza. Isuzuma ry'amaso risanzwe ntiryemewe) Icyemezo cy'aho
- umubyeyi/urera umwana atuye (kigomba kuba ari icyemezo cy'umutungo, amasezerano y'ubukode bw'inzu atuyemo cyangwa fagitire y'amazi, umuriro cyangwa gaze biriho izina n'umubyeyi/urera umwana n'aho atuye)
- Icyemezo cy'amafaranga urugo rwinjiza cyifashishwa kugira ngo hasuzumwe amafaranga yinjizwa - (Harimo amafaranga yinjizwa n'abantu bakuru bose). Zimwe mu ngeroz'ibyemezobyemeweby'amafaranga yinjizwa zirimo:
  - Ifishi y'imisoro ya W-2
  - Impapuro zigaragaza amafaranga yishyurwa zerekana amafaranga
  - Ibyemezo by'ubufasha umuryango uhabwa (SNAP, KTAP, SSI)
  - Inyandiko y'umukoresha iri ku rupapuro ruriho umutwe w'ikigo cyangwa ruriho umukono w'umukozi wemejwe na noteri ndetse na nomero ya telefone ye, rugaragaza amafaranga mbumbe yinjizwa n'inshuro yinjizwa
  - Icyangombwa kigaragaza ko nta kazi ufite ubu
  - Icyangombwa kigaragaza indezo umwana ahabwa ubu

fcpsprek@fayette.kyschools.us imeyiri 859-422-0304 ibiro by'ifasi 859-422-9901 fagisi

Gahunda y'ishuri ry'incuke y'ibigo by'amashuri bya Leta byo mu Ntara ya Fayette

# UBURYO BWO KOHEREZA IBYANGOMBWA

**IMIRYANGO ISHOBORA KOHEREZA IBYANGOMBWA BISABWA YIFASHISHIJE BUMWE MU BURYO BWAVUZWE AHAKURIKIRA. ISUZUMA RIGOMBA KUBA RYAGARAGAJE KO IMIRYANGO YUJUJE IBISABWA KUGIRA NGO UMWANA YANDIKWE MU ISHURI RY'INCUKE.**

OLR

Ohereza ibyangombwa igihe wuzuza ifishi yo kwandikisha umwana kuri interineti. (Icyemezo cy'amafaranga yinjizwa kigomba koherezwa hifashishijwe bumwe mu buryo bwavuzwe.

Ohereza amafoto y'ibyangombwa bisikannye cyangwa agaragaza ibyanditseho neza, ushyire mu bubiko butekanye bwo kuri interineti bwa gahunda y'ishuri ry'incuke yo mu ifasi y'amashuri ari bwo https://dna.fcps.net/DocUpload. (Ntukoreshe ubwo bubiko ku myaka iri hejuru y'ishuri ry'incuke.)



Ohereza ibyo byangombwa kuri fagisi y'abakozi bo mu Biro by'ishuri ry'incuke byo mu ifasi kuri 859-422-9901. Genzura ko wohereje urupapuro rw'inyuma ruriho amazina yose y'umwana wawe n'itariki ye y'amavuko hamwe n'amazina yawe na nomero ya telefone usho- bora kubonekaho igihe hari ibibazo twifuza kukubaza.



Abakozi bo mu biro by'ishuri ryisumbuye iryo ari ryo ryose bashobora gukora kopi y'ibyangombwa byawe maze bakabyoherereza Ibiro by'ishuri ry'incuke ryo mu ifasi. (Icyitonderwa: Abakozi b'ishuri ntibazigera basuzuma ibyangombwa ngo barebe niba ari umwimerere cyangwa ngo babisuzume hagamijwe ko hujujwe ibisabwa.)



Ohereza ibyangombwa mu gasanduku ka imeyiri y'Ibiro by'ishuri ry'incuke ryo mu ifasi biri ku mugereka kuri FCPSPreK@fayette.kyschools.us. (Icyitonderwa: Ubu ntabwo ari bwo buryo butekanye bwo kubyohereza kuri interineti.)




Ohereza KOPI z'ibyangombwa byawe wifashishije iposita kuri: FCPS John D. Price Administration Bdlg. ATTN: District Preschool Office 450 Park Pl. . Lexington, KY 40511. Igihe wohereje ibyo byangombwa, shyiramo kopi icapye y'incamake yo kwandikisha umwana wawe yoherejwe kuri interineti cyangwa wongereho ibisobanura bigaragaza nomero y'ubusabe bwakozwe hifashishijwe OLR.



Shyira KOPI z'ibyangombwa byawe mu gasanduku kadasaba ko ugakora k'Ibiro bya gahunda y'ishuri ry'incuke gahereye kuri John D. Price Administration Bldg. 450 Park Pl. Lexington, KY 40511. Hejuri y'ako gasanduku, hariho urupapuro rw'inyuma rutanditseho n'ibaha- sha ushobora gukoresha.

fcpsprek@fayette.kyschools.us imeyiri 859-422-0304 ibiro by'ifasi 859-422-9901 fagisi